URUBANZA RC 00717/2017/TGI/NYGE

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE, RURI KU CYICARO CYARWO, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z`IMBONEZAMUBANO, RUKIJIJE URUBANZA RC 00717/2017/TGI/NYGE KU RWEGO RWA MBERE MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANA:

ABAREGA:

1. **MPAGAZEHE Théoneste** mwene MUGARURA Daniel na MUKORUKARABE Floride atuye mu Mudugudu wa Migina, Akagali ka Gihira, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Amajyepho.

2. **MUKAHIGIRO Vestine** mwene MUGARURA Daniel na MUKORUKARABE Floride atuye mu Mudugudu wa Migina, Akagali ka Gihira, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Amajyepho.

3. **MUNYAGIHE Vénuste** mwene MUGARURA Daniel na MUKORUKARABE Floride atuye mu Mudugudu wa Migina, Akagali ka Gihira, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Amajyepho.

4. **NGERERO Gracien** mwene MUGARURA Daniel na MUKORUKARABE Floride atuye mu Mudugudu wa Migina, Akagali ka Gihira, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Amajyepho.

5. **UREGWA: NYIBASHUMBA MWANAYIDI** mwene BISHUMBA na __ atuye mu Mudugudu w` Amajyambere, Akagali ka Mwendo, Umurenge wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali

IKIBURANWA: Kudusubiza isambu yacu yigabije

URUBANZA RC 00717/2017/TGI/NYGE

I. IMITERERE Y`URUBANZA

[1] MPAGAZEHE Théoneste, MUKAHIGIRO Vestine, MUNYAGIHE Vénuste na NGERERO Gracien bose bahagarariwe na MPAGAZEHE Théoneste barega NYIBASHUMBA MWANAYIDI yigabije isambu yabo basaba ko yayibasubiza kuko bahereye mu nzego z`Ibanze bikananirana.

[2] Umunsi wo kuburana MWANAYIDI NYIRABASHUMBA ntiyigeze yitaba Urukiko nyamara yari yarahamagajwe mu buryo bukurikije amategeko, urubanza ruburanishwa adahari hari abarega gusa.

Muri uru rubanza hakwiye kubanza gusuzumwa niba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza no kumenya niba abarega bahabwa isambu baregera.

II. ISESENGURA RY`IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

Kumenya niba uru Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza

[3] MPAGAZEHE Théoneste, MUKAHIGIRO Vestine, MUNYAGIHE Vénuste na NGERERO Gracien bavuga ko NYIRABASHUMBA MWANAYIDI yabambuye isambu yabo. Bavuga ko iyo sambu irimo imyaka ko kandi mbere yo kuza mu Rukiko babanje mu nzego z`Ibanze bikananirana bakabohereza mu nkiko.

[4] Ingingo ya 67 y`itegeko Ngenga N° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko nkuko ryujujwe kandi ryahinduwe kugeza ubu, ivuga ko Inkiko z'Ibanze ziburanisha mu rwego rwa mbere imanza zerekeye amasambu n'amatungo n'izungura kuri ibyo bintu;

[5] Urukiko rusanga ikiburanwa muri uru rubanza ari isambu irimo imyaka nkuko bivugwa n`abarega, ibirego byerekeranye n`amasambu rero bikaba bitangiriza mu Nkiko z`Ibanze.

Kumenya niba abarega bahabwa isambu yabo

[6] Urukiko rusanga abarega basaba gusubizwa isambu baburana, ariko kandi kuko ikirego cyabo kigomba kuburanishirizwa mu Rukiko rw`Ibanze, niho bakwiye kuregera iki kirego rero kikaba kidakwiye kwakirwa ngo gisuzumwe kuko uru Rukiko nta bubasha rufite bwo kukiburanisha

III. ICYEMEZO CY`URUKIKO

[7] RWEMEJE ko iki kirego kitakiriwe kuko uru Rukiko nta busbasha rufite bwo kukiburanisha;

[8] RUVUZE ko amagarama yatanzwe mu kurega ahwanye n`ibyakozwe mu rubanza

NI UKO BYEMEJWE KANDI BISOMEWE MU RUHAME, NONE KUWA 23/2/2018

Sé	**Sé**
BURAYOBERA UMUZAYIRE Bibiane	**MUSHIMIYIMANA Sylvie**
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**